Ibihugu 15 bifite pasiporo zikomeye

Yanditswe kuya **28-12-2016** saa **18:21'** na **IGIHE**

Raporo y'ikigo Arton Capital ya 2016, 'Passport Index' igaragaza uko abantu bashobora kubona Pasiporo byihuse, n'uburyo bashobora kwinjira mu bihugu batabanje kwaka Visa yashyize ahagaragara ibihugu 15 bifite pasiporo zikomeye ku Isi.

Ufite iyi pasiporo aba yemerewe kugera mu bihugu runaka asasabwe Visa (Icyangombwa cyemerera umuntu kwinjira mu gihugu runaka).

U Budage ni bwo buza ku isonga aho ufite ubwenegihugu bwabwo yemerewe gutemberera mu bihugu 158 adasabwe Visa, nk'uko inkuru ya The Independent ibigaragaza.

Muri rusange ibihugu biri kuri uru rutonde bisa n'aho byegeranye aho igihugu kiza ku mwanya wa nyuma ari igifite 155 bishobora gutembererwamo n'abafite ubwenegeihugu bwacyo.

Ni mu gihe Umunyarwanda ufite pasiporo yemerewe kugera mu bihugu **10** adasabwe kwerekana Visa, bitarimo na kimwe cyo ku mugabane w'u Burayi cyangwa Amerika.

Ibi bihugu birimo Hong Kong, Philipines, Mauritius, Singapore, RDC, Tchad no mu bihugu bine bigize Umuryango wa Afurika y'Iburasirazuba ari byo u Burundi, Uganda, Kenya na Tanzania.

Urutonde rw'ibihugu bifite pasiporo zikomeye n'umubare w'ibihugu abazifite bemerewe kujyamo

1. **U Budage** (Ibihugu 158)
2. **Suède** (Ibihugu 157)
3. **Finland** (Ibihugu 156)
4. **U Bufaransa** (Ibihugu156)
5. **Switzerland** (Ibihugu 156)
6. **Espagne** (Ibihugu 156)
7. **Korea y'Epfo** (Ibihugu 156)
8. **U Bwongereza** (Ibihugu 156)
9. **Singapore** (Ibihugu 155)
10. **Denmark** (Ibihugu 155)
11. **U Butaliyani** (Ibihugu 155)
12. **U Buholandi** (Ibihugu 155)
13. **U Bubiligi** (Ibihugu 155)
14. **Norvège** (Ibihugu 155)
15.**Leta Zunze Ubumwe za Amerika** (155)

Ufite pasiporo ya Leta Zunze Ubumwe za Amerika yemerewe gutembera mu bihugu 155 nta Visa asabwe